

"Intwarane za Yezu na Mariya" zakatiwe igifungo cy'emyaka 5

Yanditswe kuya 10-11-2014 na [Philbert Hagengimana](#)



Intwarane za Yezu na Mariya zimwe zakatiwe gufungwa imyaka 5

Urukiko Rukuru rwa Repuburika rwakatiye abantu barindwi bazwi nk'"Intwarane za Yezu na Mariya" igifungo cy'emyaka 5, abandi bahanagurwaho ibyaha.

Mu isomwa ry'urubanza ryabaye kuri uyu wa Mbere, urukiko rwavuze ko abahawe igifungo bahamwe n'ibyaha, ariko kuba batarize amashuri menshi byatumye bagabanyirizwa igihano kuko ngo nta mbaraga (influence) bari bafite kuri rubanda, aho guhabwa igifungo cy'emyaka 10 bahawe itanu.

Bashinjwa ibyaha birimo gukora imyigaragambyo binyuranije n'amategeko no kwangisha abaturage ubuyobozi, byakozwe muri Nyakanga umwaka wa 2013, bose ariko babihakanaga.

Izi Ntwarane zashinjwe ko ubwo zavaga mu Misa kuri Kiliziya ya Saint Michel zerekeje ku rugo rw'Umukuru w'igihugu, zivuga ko we (Perezida Kagame) n'abamufasha kuyobora ari abanyagitugu, kandi ko nibatihana ubutegetsi bwabo bugiye kuvaho no mu gihugu hakameneka amaraso menshi.

Me Napoleon Nsanzimana waburaniraga izi Ntwarane yavuze ko bagiye kuganira bakareba niba bajuririra ibyemezo by'urukiko.

Abagizwe abere ni Mutamba Chantal abaganga bemeje ko afite ubumuga bwo mu mutwe kuva mu mwaka w'2006, bityo nta buryozwacyaha afite.

Undi ni Nyirahabimana Agatha washinze Intwarane we yahanaguweho ibyaha kuko kugira icyumba cy'amasengesho ubwabyo atari icyaha.

Imyaka y'igifungo bakatiwe izakurwamo umwaka n'amezi atatu bamaze bafunze.

[Ubushinjacyaha bwari bwasabiye "Intwarane za Yezu na Mariya" igifungo cy'emyaka 15.](#)